Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Mutarama Januar 2021 *Ikinyarwanda*

Ngo babone inyenyeri barishima cyane. (Mt 2,10)

Genda!
Set off!

Nshuti bakunzi b'ijambo,

yari akiri muto, afite amashagaga menshi akagira n'ibitekerezo byinshi. Mu by'ukuri kuri we, amarembo yari akinguye, haba mu buzima busanzwe ndetse no ku isi muri rusange. Uyu ni umwe mu bahanga Bibiliya itubwira ho mu nkuru y'ivuka ry'umwana Yezu, babayeho hashize imyaka irenga 2000. Amajoro menshi yararotaga akibona mu mahanga ya kure, ku zindi nkombe z'ubuzima. Hagati aho kandi mu buzima busanzwe yari atangiye kumva atisanzuye, yarambiwe no guhora mu bintu bimwe buri munsi. Mu mibyizi akazi kenshi kavanze n'imihangayiko, muri wikendi bikaba gusohoka akiyibagiza byose. Kwidagadura, gusohoka, kubyina, kwishimisha, kuganira, gukina, gukora siporo, gusura inshuti,… Gusa muri we yumvaga hari ikibura ndetse akumva nta mahoro nyayo ashinze imizi mu mutima we afite. Mu mutima we hagurumanaga inyota yo gushyikira ibyisumbuye ho. Yiyumvagamo ikintu kimusunika. Hagombye kuba hariho ibyisumbuyeho mu buzima. Agomba gusohoka – Icyemezo cyo kugenda cyamaze gufatwa.

Igisa n'inyenyeri cyatangiye kumurika. Ni uko abona inshuti ebyiri. Abo bahanga mu by'inyenyeri, bakomoka mu bihugu by'uburasirazuba uko ari batatu biyemeza gutinyuka. Basize byose bafata urugendo. Bariyemeje mu buzima bayobowe n'umucyo utangaje wari mu mitima yabo. Bakurikiye inyenyeri y'ukwifuza kwabo. N'uko nyuma y'urugendo rurerure kandi ruvunanye babona umwana. Yarabakuruye. Barapfukama bararamya. Muri ako kanya Imana yakoze ku mitima yabo. Ibyifuzo byabo byari bigeze ku ntego. Ibyishimo bikomeye byarabasaze. Bahura na Yezu, nta rundi rutonde rw'ibyifuzo bamuzaniye uretse icyifuzo kimwe cyo kumuba iruhande. Imbonankubone, bateze amatwi, mu bwiyoroshye kandi basenga, bamenya uko asa. Ntibongeye gufata Imana nk'igitekerezo. Imana yahuye na bo muri urwo rugendo rw'ubuzima bakoze.

Christina na we yatinyutse guhaguruka. Nyuma y'amashuri yisumbuye yoherejwe mu gihugu ababyeyi be bakomokamo ari cyo cy'Uburusiya. Mu gihe kigera ku mwaka yinjiye mu yindi si atari azi, isi ifite umuvuduko n'iterambere, yuzuye akababaro n'ubukene. „Kenshi nararaga ndira. Byari biremereye umutima wanjye wari ukiri mutoya! Ariko kenshi abantu bagiye banyegera banyitaho bamba iruhande." Ubwo yantekererezaga iyo nkuru, nabonye mu maso ye ibyishimo nk'ibya ba bahanga mu by'inyenyeri. Na we yaratinyutse arahaguruka, arabona. Ni uko rero: **„Genda! – Set off!"**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker